

Safari Amri

# TWIME AMATWI ABATEKAMUTWE BIYITIRIRA URWEGO RW'UMUVUNYI

Muri iyi minsi hakomeje kugaragara abatekamutwe biyitirira inzego zitandukanye cyane cyane inzego za Leta, muri izo nzego hakaba harimo n'Urwego rw'Umuvunyi.

mbese Kwiyitirira Urwego runaka ni icyaha?

Ingingo ya 616 y'igitabo cy'amategeko ahana mu Rwanda igira iti:« Kwiha ububasha ku mirimo itari iyawe no kwambara umwambaro utagenewe ugamije kuyobya rubanda,

Umuntu wese utabigenewe, wivanga mu mirimo y'ubutegetsi y'abasivili cyangwa iy'abasirikare cyangwa wiha gukora umwe muri iyo mirimo, wiyita umukozi wa Leta atari we cyangwa wambara ku mugaragaro umwambaro w'ubutegetsi, umwambaro uhuriweho n'abahuje umurimo, urwibutso cyangwa ikimenyetso, agambiriye kuyobya rubanda, abemeza ko ashinzwe umurimo wa Leta, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Uko Abatekamutwe benshi bakunze kubigenza:

Abo batekamutwe bahamagara abaturage bafite amadosiye ku Rwego rw'Umuvunyi bakabasaba kubohererereza amafaranga kuri Mobile Money,Tigo Cash cyangwa Airtel Money kugirango babakemurire ibibazo neza. Abandi bavuga ko ari abavoka bakabwira abaturage ko babakurikiranira amadosiye, kandi ko hari amafaranga bagomba guha abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo babakemurire ibibazo.Ibi bigaragara cyane ku bafite amadosiye asaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane.

## INGARUKA Z'IBIKORWA BYO KWIYITIRIRA URWEGO RW'UMUVUNYI

- Bishobora gutuma abaturage bata icyizere bafitiye Urwego rw'Umuvunyi
- Bishobora kumvikanisha ko mu gihugu harimo ruswa mu gihe ari abiyitirira inzego
- Kwiba no kunyunyuza imitsi ya rubanda

## IBISABWA ABANYARWANDA N'INZEGO

- Inzego zose zikwiye kumenya ko hari abantu biyitirira Urwego rw'Umuvnyi; mu gihe hari ubahamagaye abasaba amakuru bakabanza gushishoza mbere yo kumuha amakuru abasabye.
- Abanyarwanda bakwiye kumenya ko hari abiyitirira Urwego rw'Umuvunyi babasaba ruswa,ntibazagwe muri uwo mutego.
- Abaturage barasabwa gutanga amakuru ku bantu babasaba ruswa muri rusange no gutanga amakuru ku bantu biyitirira Urwego rw'Umuvunyi babagaragariza ko hari ibyo bashaka kubafashamo.
- Abaturage basabwa kwirinda kohereza amafaranga kuri Mobile Money,Tigo Cash,cyangwa Airtel Money mu gihe batazi uwo bayoherereje.
- Urwego rw'Umuvunyi rurongera kumenyesha abaturarwanda bose,ari abafite ibibazo bagejeje ku Rwego rw'Umuvunyi cyangwa abatarabihageza ko nta mafaranga Urwego rw'Umuvunyi rusaba abarugana.
- Abaturage barasabwa kwitondera abantu bose baza bababeshya ko babavugira ku Urwego rw'Umuvunyi kuko nabo ubwabo bafite uburenganzira bwo kwikurikiranira ibibazo baba bagejeje ku Urwego rw'Umuvunyi.
- Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza abantu bose kwirinda bene abo batekamutwe n'undi wese wasaba amafaranga avuga ko ayashyiriye umukozi w'Urwego rw'Umuvunyi. Rurasaba kandi umuntu wese waba yaravuganye nabo cyangwa uwo bazagerageza gushuka kuri ubwo buryo, guhita abimenyesha umuvugizi warwo kuri Telephone 0785647412 cyangwa Polisi y'Igihugu

## UBUTUMWA BW'UMUVUNYI MUKURU

Abaturarwanda bakwiye guca ukubiri n'umuco wo gutanga ruswa no kwirinda kohererreza umuntu batazi amafaranga bakoresheje telefoni. Bakwiye kandi kumenya ko Urwego rw'Umuvunyi rudakoresha abakomisiyoneri bahuza abakozi b'Urwego n'abaturage.

## IBIROMO


**Ijambo ry'ibanze**
Twime amatwi abatekamutwe biyitirira urwego rw'umuvunyi — 01

**Inkuru Nyamukuru**
Urwego rw'Umuvunyi rwabonye Umuvunyi Mukuru mushya Anastase Murekezi wagiye muri uyu mwanya asimbuye Umuvunyi Mukuru wacyuye igihe CYANZAYIRE Aloysie wari umaze manda y'imyaka 5 muri izi nshingano. — 04

**Ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi**
Abashyitsi basuye Urwego rw'Umuvunyi
Urwego rw'Umuvunyi rufatanyije na Basel Institute hahuguwe abakozi ba PSF ku ukwirinda Ruswa — 10

**Turwanye akarengane**
Gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma; umwihariko mwiza w'u Rwanda
Gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma — 20


**Turwanye RUSWA**
Zimwe mu nshingano z'amashyirahamwe yo kurwanya RUSWA ni aya akurikira:
Nyakubahwa Perezida Paul Kagame yasabye urwego rw'ubucamanza kurwanya RUSWA, babibasha akabagororera — 31

**Abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa**
Urutonde rukurikira ruragaragaza umwirondoro w'abahamwe n'ibyaha byavuzwe haruguru n'ibihano bahawe. — 40


**Inkuru ishushanyije**
Abantu biyitirira inzego za Leta harimo n'Urwego rw'Umuvunyi:
Baka abaturage amafaranga bababeshya ko bazabakurikiranira ibibazo bagejeje ku Rwego rw'Umuvunyi









# * Resist, * Reject * Report Corruption

**01** Send a short message (sms )
to 1990 (Toll Free Line)

**02** Send an email message to
rwanyaruswa@ombudsman.gov.rw

**03** Click GARAGAZA RUSWA on
www. ombudsman.gov.rw

**04** Good service Delivery System
www. ombudsman.gov.rw

**05** Call 199 (Toll free line) or for sexual corruption, call 0788432516

**06** Suggestion boxes are fixed by the Office of the Ombudsman bureaus (District, Institutions, Ministries, Hospitals, Markets,Cars parks)

**07** The Office of the Ombudsman in situated at Kimihurura, Gasabo District, Kigali (KG 4 AVE 02)

## REPORT ANONYMOUSLY IS ALLOWED



Urwego rw'Umuvunyi rwabonye Umuvunyi Mukuru mushya Anastase Murekezi wagiye muri uyu mwanya asimbuye Umuvunyi Mukuru wacyuye igihe CYANZAYIRE Aloysie wari umaze manda y'imyaka 5 muri izi nshingano.



# Umuvunyi Mukuru Mushya: Anastase Murekezi

Tariki ya 30/08/2017 nibwo Anastase Murekezi wahoze ari Minisitiri w'Intebe yatangajwe nk'uwifuzwa ku Umwanya w'Umuvunyi Mukuru, nk'uko itegeko ribiteganya, Anastase Murekezi kwemezwa n'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena ku wa kane tariki 07 Nzeli 2017.

## UKO UMUVUNYI MUKURU N'ABAVUNYI BUNGIRIJE BASHYIRWAHO

Kuri buri mwanya w'abagize Inama y'Abavunyi, Guverinoma ishyikiriza Sena amazina y'umukandida wumvikanyweho mu Nama y'Abaminisitiri kugira ngo imwemeze. Abemejwe bashyirwaho n'iteka rya Perezida.

## MANDA

Umuvunyi Mukuru afite manda y'imyaka itanu (5), Abavunyi Bungirije bafite manda y'imyaka ine (4). Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije bashobora kongererwa manda rimwe (1) gusa binyuze mu nzira byanyuzemo kuri manda ya mbere.



ANASTASE MUREKEZI
ARAHIRIRA INSHINGANO ZO KUBA UMUVUNYI MUKURU

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakiriye indahiro y'Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi ku wa Mbere tariki 11 Nzeri 2017 ubwo yatangizaga umwaka w'Ubucamanza.

Ubusanzwe itegeko rivuga ko mbere yo gutangira imirimo bashinzwe, Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, hari Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga indahiro iteganywa mu ngingo ya 63 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015.





Madame
CYANZAYIRE Aloysie Wasimbuwe



Bahererekanya Ububasha Anastase Murekezi (ibimoso), CYANZAYIRE Aloysie (iburyo)



Abayobozi bombi bashyira umukono ku nyandiko z'Ihererekanyabubasha



Anastase Murekezi Nyuma yo Kurahira

Kugeza ubu Urwego rw'Umuvunyi rufite abavunyi batatu ari bo:

- 1. MUREKEZI Anastase,Umuvunyi Mukuru
- 2. MUSANGABATWARE Clemént, Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.
- 3. YANKULIJE Odette, Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane

Ku wa kabiri tariki 12 Nzeli 2017, ni bwo ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi habaye ihererekanyabubasha hagati y'Umuvunyi mukuru Mushya Hon. Anastase Murekezi na mugenzi we Hon. CYANZAYIRE Aloysie nk'Umuvunyi mukuru ucyuye igihe.





Itsinda ryaturutse muri OIF

Itsinda ryaturutse mu umuryango mpuzamahanga w'ibihugu bivuga igifaransa (Organisation Internationale de la Francophonie) ryasuye urwego rw'Umuvunyi muri Kanama 2017.

Aba bashyitsi baturutse mu bihugu bitandukanye ariko bakaba bahuriye muri OIF bageze ku Urwego rw'umuvunyi aho babonanye n'abayobozi ndetse bakanagirana ibiganiro.

mu bari bagize iri tsinda harimo :

EGIDO PAVADES, Premier Adjoint au Defenseur du Peuple muri MALABO ho muri Guinné Equatoriale.

ROBERT AUBIN, Député Canadien et Président de la Cap de l'APF

GANDAHO Gwladys, Advisor for the Ombudsman of Benin Republic

ZOGO ONDO CYRILLE, Specialiste de programmes muri OIF (Organisation Internationale de la Francophonie)

Mu byibanzweho harimo, kubasobanurira byimbitse imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi, uburyo rwagiyeho, inzego bakorana n'uburyo bakorana mu kurwanya Ruswa.

Mme GNDAHO, Umujyanama w'Umuvunyi mu gihugu cya Bénin, yavuze ko yishimiye cyane kumenya imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi anongera ho ko bifuza gukorana n' u Rwanda kuko by'amahirwe ari igihugu gikoresha ururimi rw'igifaransa

Mu rugamba rwo kurwanya Ruswa n'akarengane, aba bashyitsi bavuze ko bishimiye kumenya ingamba Leta y'u Rwanda ifata ndetse banavuga ko zimwe muri zo zishobora gukora mu bihugu byabo.



SOMALIA DELEGATION

Gureye, umuyobozi wa Puntland state of Somalia Good Governance and Anti-Corruption Bureau (PGGACB) yavuze ko muri Somaliya bakeneye ubunararibonye bw'u Rwanda kugira ngo inzego zabo zishobore gukomera na cyane ko ubu abayobozi bariho ari bashya bagikeneye kwiga byinshi.

Itsinda ryaturutse mu kigo cyo muri Somaliya gishinzwe imiyoborere myiza no kurwanya Ruswa (Puntland state of Somalia Good Governance and Anti-Corruption Bureau) baje kwigira ku mikorere y'Urwego rw'Umuvunyi muri gahunda zarwo zo kurwanya Ruswa.

Aba bashyitsi Bavuze ko kuba barahisemo kuza mu u Rwanda ari ukubera ko ari igihugu kimaze gutera intambwe ikomeye mu rugamba rwo kurwanya Ruswa. Bongeyeho ko batifuje kujya mu bihugu by' burayi kandi nabo bafite ibihugu muri Afurika bimaze gukomera nk'u Rwanda.

Mu biganiro bagiranye n' uwahoze ari Umuvunyi mukuru Madame CYANZAYIRE Aloysie harimo kubasangiza ku mpamvu z'ingenzi zatumye Urwego rw'umuvunyi rujyaho, ububasha bw'Urwego rw'Umuvunyi, imikoranire y'Urwego rw'umuvunyi na Sosiyete sivile ndetse n'ibindi bigo byaleta, ingamba Urwego rw'umuvunyi rwagiye rushyiraho mu guhashya Ruswa.

ABDRAHMAN Ali

Yagize ati: "Namenye Urwego rw'umuvunyi ndetse nifuza kuza mu Rwanda ubwo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul KAGAME yatangaga ikiganiro mu Bwongereza, nyuma yaho nabwo abantu bakomeje kumbaza niba ikigo nyoboye cyarigeze kiza kwigira ku u Rwanda, icyo gihe nkababwira ko ntarahagera ariko ubu noneho nzajya mbabwira ko nahageze"

Babifashijwemo n'Urwego rw'umuvuyi, iri tsinda ryabashije gusura ibindi bigo bifite aho bihurira

no kurwanya Ruswa no guteza imbere imiyoborere myiza mu Rwanda birimo:
- Transparency International Rwanda aho baganiriye na MUPIGANYI Apollinaire akabasobanurira uburyo sosiyete sivile ikorana na Leta;
- Polisi y'igihugu nk'umwe mu bafatanyabikorwa b'Urwego rw'Umuvunyi muri gahunda yo kurwanya Ruswa aho babonanye n'itsinda ryari riyobowe na ACP TWAHIRWA Celestion basobanurirwa uburyo polisi ikora ndetse n'ingamba zitandukanye zafashwe mu kurwanya Ruswa aho hifashishwa ikoranabuhanga mu kurinda ko abantu bahura mu gihe hakwa serivisi runaka, kuko iyo abantu bahuye ari ho usanga hava Ruswa.
-basuye kandi ikigo cya RPPA (Rwanda Public Procurement Authority) aho Bwana SEMINEGA Augustus, yabasobanuriye uburyo ikigo ayobora cyagiyeho ndetse n'umumaro wacyo ku kurwanya ruswa cyane cyane mu masoko ya Leta,
-Mu Bushinjacyaha bukuru, Bwana NTETE Marius, yibanze ku mategeko afasha u Rwanda gukumira no kurwanya Ruswa ndetse no kugaruza imitungo y'igihugu
-Mu kigo cy'igihugu cy'imiyoborere myiza (RGB) aba bashyitsi babobanye na Dr USENGUMUKIZA Félicien babwirwa uko inzego z'igihugu zikora ndetse by'umwihariko bagaruka cyane ku buryo bwo kugenzura imiyoborere imbere mu gihugu bibanze kuri Rwanda Governance Score Card nka kimwe mu byifashishwa mu kumenya urugero rw'imiyoborere myiza mu Rwanda.



# Urwego rw'Umuvunyi rufatanyije na Basel Institute hahuguwe abakozi ba PSF ku ukwirinda Ruswa

Kuri uyu wa Kabiri tariki 12.09.2017, Urwego rw'Umuvunyi ku bufatanye na BASEL Institute of Governance ruri guhugura abakozi b'Urugaga rw'abikorera mu Rwanda.

Aya mahugurwa yabereye kuri Lemigo Hotel ari guhabwa abakozi baturutse mu turere twose tw'u Rwanda aho buri karere kahagarariwe n'Umuntu umwe.

mu byagarutsweho harimo icyitwa ishimwe benshi bafata nk'aho ari umuco kuruta kubona iri shimwe mu ndorerwamo ya ruswa.

kuri iki kibazo Gatera Athanase , umukozi w'Urwego rw'Umuvunyi mu ishami rishinzwe kurwanya ruswa, yavuze ko ishimwe n'ubwo rihuye n'umuco nyarwanda rinashobora kuba icyuho cya ruswa.

ABARI MU MAHUGURWA



GEMMA AIOLFI, BASEL INSTITUTE





MIRNA ADJAMI,BASEL INSTITUTE



GATERA ATHANASE, UMUKOZI W'URWEGO RW'UMUVUNYI



NYIRAKANYANA CHRISTINE, UMUKOZI W'URWEGO RW'UMUVUNYI



ABATONI BETTY, ATANGA INYUNGANIZI

Yongeye ho ko iyo umuntu atanze ishimwe kubera ko yakorewe service runaka kandi nyamara ayemerewe n'amategeko, ibi bihanirwa kuko ari bimwe mu bigize icyaha cya ruswa.

Urugaga rw'abikorera mu Rwanda rwemera mo mu bikorera hakigaragara ingeso mbi zirimo na ruswa gusa Madame ABATONI Betty, umukozi wa PSF, ushinzwe guhuza ibikorwa mu turere no mu Ntara, yasabye yavuze ko bagira inama abikorera yo kwanga umugayo bakarwanya ruswa kuko uretse guhombya igihugunabo ubwabo baba bihombya kuko ayo mafaranga usanga baba batanga mo ruswa akenshi aba ari inguzanyo ya banki.

biteganijwe ko aya mahugurwa y'umunsi umwe narangira abahuguwe bazasubira aho bakora bakazahugura bagenzi babo.

Urwego rw'Umuvunyi rukomeje urugamba rwo kurwanya ruswa n'akarengane binyuze mu nzira zose zishoboka kandi rugashimira ubufatanye abikorera bakomeje kugaragaza mu urwego rwo kurandura burundu ruswa.

## Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane, Madame Odette YANKULIJE yakoze ihererekanyabubasha n'uwahoze ari Umuvunyi wungirije Honorable Bernadette KANZAYIRE.

Kuwa kane tariki 13 Nyakanga 2017, ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi habereye umuhango w'ihererekanyabubashaka hagati y'umuvunyi wungirije Madame Yankulije Odette hamwe w'uwahoze ari muri uyu mwanya Honorable Bernadette KANZAYIRE.







Uyu muhango wari uyobowe n'umunyamabanga uhoraho mu Urwego rw'Umuvunyi bwana MBARUBUKEYE Xavier ndetse n'abayobozi b'amashami atandukanye waranzwe n'ibiganiro hagati y'abayobozi bombi.

Umuvunyi wungirije ucyuye igihe Honorable Bernadette KANZAYIRE yavuze ko yanejejwe n'igihe yamaze muri izi nshingano kuko wari umwanya wo gukumira akarengane ku bana b'u Rwanda ndetse no kurushaho kurenganura abaturarwanda bahuye n'akarengane. Yahaye ikaze mugenzi we mu nshingano nshya kandi zitoroshye zo gukumira no kurwanya akarengane. Yongeyeho ko hari byinshi byakemutse ariko nanone hakiri ibindi bitari bike nabyo byo gukemura na cyane ko urugamba rwo gukumira no kurwanya akarengane ari urukomeje.



Umuvunyi wungirije mushya Madame YANKULIJE Odette, yashimiye mugenzi we ku mirimo ikomeye yakoze n'umusanzu we utazibagirana yatanze mu gukumira no kurwanya akarengane mu

Umunyamabanga uhoraho ndetse n'abandi bayobozi bashimiye cyane Honorable Bernadette KANZAYIRE uburyo bakoranye ndetse banagaragaza ko ubunararibonye basanzwe



bana b'u Rwanda ndetse n'abaturarwanda muri rusange. Yamwijeje ko nawe azakora ibishoboka byose agakumira akarengane aho gashobora guturuka hose.

bazi ku muvunyi wungirije mushya, Madame Odette YANKULIJE, buzatuma intego y'Urwego rw'umuvunyi irushaho kugerwaho abanyarwanda bakabaho mu

gihugu kizira kurengana. Uwahoze ari Umuvunyi wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Honorable Bernadette KANZAYIRE, yavuye muri uyu mwanya nyuma yo gusoza manda ebyiri yari yemerewe n'amategeko naho Madame YANKULIJE Odette akaba yaragiye muri uyu mwanya nyuma y'igihe kinini akora muri minisiteri y'ubutabera nk'umuyobozi w'ishami rishinzwe kwegereza abaturage ubuyobozi. Yemejwe n'inama y'abaminisitiri yateranye kuwa 05.04.2017 ,arahirira imbere y'Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Paul KAGAME mu muhango wabereye mu ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda kuwa gatanu tariki 07 Nyakanga 2017. Uretse Umuhango w'ihererekanyabubasha, Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bateguye ibirori byo gusezera k'uwahoze ari umuyobozi wabo bakunda ndetse no kwakira umuyobozi mushya aho benshi mu bafashe ijambo bagaragaje ko banejejwe cyane n'igihe bamaranye na Honorable KANZAYIRE Bernadette kuko yababereye umuyobozi mwiza.



Umuvunyi Mukuru ashyikiriza igihembo Bernadette cy'uko yabaye Umuyobozi mwiza.







# Gukunda igihugu tukagikorera ntabwo ari amahitamo ahubwo ni inshingano“: Umuvunyi mukuru.

Ku wa 05 Nyakanga 2017, I Kigali muri Nobleza Hotel, habereye ikiganiro cy’umunsi umwe kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

Iki kiganiro cyahuje abakozi 70 bari kumwe n’Abavunyi bakiyobowemo na Honorable KANZAYIRE Bernadette wahoze ari umuvunyi wungirije ushizwe gukumira no kurwanya akarengane hamwe na Pastor Canon Antoine RUTAYISIRE.

Muri iki kiganiro ingingo nyamukuru zagarutsweho ni Ukwibohora no kwishakamo ibisubizo, Imiyoborere iha agaciro umunyarwanda hamwe na Ndi umunyarwanda : icyomoro n’igihango


RUTAYISIRE wagarutse cyane kuri Ndi umunyarwanda nk’icyomoro n’igihango, yasobanuye ko abanyarwanda bakwiye gutekereza maze buri wese akarema mu bitekerezo bye u Rwanda rwiza yumva ashaka, kuko mu gihe hari u Rwanda rwiza ushaka, nta muntu ushobora kuza kukuvangira ngo akuyobore mu nzira mbi itajyanye n’iyo ushaka kunyuramo. Kugeza ubu gahunda ya Ndi




umunyarwanda ni urugendo rugikomeje aho abanyarwanda bifuza kubaka u Rwanda rwiza kurusha n’urwahozeho mbere.

URWEGO RW'UMUVUNYI
OFFICE OF THE OMBUDSMAN

# RUSWA NI UMWANZI W'ITERAMBERE, TUYIRINDE



# URWEGO RW'UMUVUNYI MU NDORERERZI Z'AMATORA Y'UMUKURU W'IGIHUGU 2017




Mu matora y'umukuru w'igihugu cy'u Rwanda yabaye tariki ya 03 n'iya 04 z'ukwezi kwa Munani 2017 Urwego rw'Umuvunyi rwabaye rumwe mu ndorerezi mu gihe cy'amatora. Ubusanzwe Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iba ifite inshingano zo gutumira indorerezi mu matora yaba izituruka hanze y'igihugu ndetse n'izituruka imbere mu gihugu mu Rwego rwo kugira ngo amatora abe ntamakemwa Nk'uko bisabwa ko indorerezi zigaragaza igice cy'igihugu zifuza gukurikiranamo imirimo y'amatora, Urwego rw'Umuvunyi rukaba rwarohereje abakozi barwo mu turere twose uko ari 30 tugize u Rwanda ku munsi wose wa tariki 04/08/2017.




Nyuma y'iki gikorwa Urwego rw'Umuvunyi rwagaragaje muri raporo ko igikorwa cy'amatora y'Umukuru w'Igihugu cyagenze neza.

Kuwa gatanu tariki ya 18 Kanama 2017 nibwo Perezida Paul Kagame yarahiriye kuyobora u Rwanda mu myaka 7 iri imbere.

Ni umuhango witabiriwe n'abaturage basaga ibihumbi makumyabiri na bitanu (25.000 ) baturutse mu Turere twose tw'igihugu. Witabiriwe kandi n'abakuru b'ibihugu n'abahagarariye za guverinoma zitandukanye bavuye mu bihugu bigera kuri 37 bya Africa, hamwe n'abavuye hanze ya Africa.

# GUSUBIRISHAMO KU MPAMVU Z'AKARENGANE URUBANZA RWACIWE KU RWEGO RWA NYUMA






## 1. Intangiriro

Leta y'u Rwanda, mu rwego rwo kubaka Igihugu kigendera ku mategeko nk'uko yabyiyemeje , yashyizeho inzego zinyuranye ziyifasha kugera kuri iyo ntego. Ni muri urwo rwego Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, mu ngingo yaryo ya 139 ryashyizeho Urwego rw'Umuvunyi. Mu byo urwo rwego rushinzwe harimo: Gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu nzego za Leta n'izigenga.

Mu kurwanya akarengane hakoreshwa uburyo bwinshi cyane ko n'akarengane kagaragara mu buryo butandukanye. Iyi nyandiko irasobanura uburyo bukoreshwa mu kurwanya akarengane kagaragaye mu manza zamaze kuba itegeko. Ubwo buryo bukaba bwitwa: Gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma.

## 2. Gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma; umwihariko mwiza w'u Rwanda

U Rwanda ni Igihugu buri gihe kigerageza kwishakamo ibisubizo ku bibazo byose rubona bibangamiye abaturage. Ni muri urwo rwego rwatekereje ndetse rugashyiraho Inkiko Gacaca zatanze umusaruro ushimishije mu gukurikirana no kuburanisha imanza zerekeye ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, mu gihe amahanga yumvaga ko ubutabera bugomba gutangwa n'inkiko zisanzwe gusa. Urundi rugero ni ishyirwaho rya Komite z'Abunzi zifasha abaturage gukemura amakimbirane bitabaye ngombwa ko bajya mu nkiko, gahunda ya Girinka Munyarwanda, Umuganda rusange, etc....

Ni muri urwo rwego hatekerejwe n'uburyo bwo gukemura akarengane kagaragara mu manza zaciwe ku rwego rwa nyuma/ zamaze kuba itegeko. Ubusanzwe iyo inzira zo kujurira, zaba izisanzwe n'izidasanzwe zitagishoboka, urubanza ruba itegeko. Kongera kuruburanisha ntibiba bigishoboka kabone n'ubwo rwaba rugaragaramo akarengane. U Rwanda rwasanze ubwo butaba ari ubutabera, rushyiraho inzira imanza nk'izo zajya zongera kuburanishwamo.

## 3. Urwego rufite ububasha bwo gusaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma

Mu nyungu z'ubutabera, Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga mu ngingo yaryo ya 79 ndetse n'Itegeko N° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi ingingo ya 15, aha ububasha Urwego rw'Umuvunyi bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe n'inkiko zisanzwe, inkiko z'ubucuruzi cyangwa iza gisirikare ku rwego rwa nyuma mu gihe hakigaragaramo akarengane.

## 4. Impamvu zituma habaho gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma



Ingingo ya 81 y'Itegeko ryerekeye Urukiko rw'Ikirenga ryavuzwe haruguru iteganya ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rushobora gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane zikurikira:

1° iyo hari ibimenyetso simusiga bigaragaza ruswa, ikimenyane cyangwa icyenewabo, byagize ingaruka ku mikirize y'urubanza bikaba bitarigeze bimenywa n'uwatsinzwe mu gihe cy'iburana;

2° iyo mu icibwa ry'urubanza hirengagijwe amategeko n'ibimenyetso bigaragarira buri wese;

3° iyo urubanza rudashobora kurangizwa ukurikije imikirize yarwo.

Birumvikana ko urubanza rwose umuntu yatsinzwe atemerewe gusaba ko rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ahubwo iryo saba rikorwa ku mpamvu nke zifite umwihariko umaze kugaragazwa haruguru. Gusaba ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntibyemewe kandi ku muntu wari ufite ubundi buryo bwo kwiyambaza izindi nzira z'ubujurire zisanzwe n'izidasanzwe ariko ntabikore mu gihe giteganyijwe n'amategeko.

# 5. Inzira yo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma

Nk'uko byasobanuwe haruguru, Urwego rw'Umuvunyi ni rwo rwahawe ububasha bwo gusaba ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Icyakora, Urwego rw'Umuvunyi ntabwo rubisaba rubyibwirije ahubwo rubisaba ku busabe bw'umuturage cyangwa imiryango/inzego bifite ubuzima gatozi baburanye imanza bagatsindwa kandi bakaba babona zirimo akarengane gakabije gashingiye ku mpamvu zagaragajwe haruguru (1° - 3°).

Ingingo ya 79 y'Itegeko Ngenga ryerekeye Urukiko rw'Ikirenga ryavuzwe haruguru iteganya ko Iyo kuva aho urubanza ruciriwe burundu habonetse ibimenyetso bigaragaza akarengane kavuzwe haruguru mu duce 1° - 3°, abari ababuranyi muri urwo rubanza bashobora kubimenyesha Urwego rw'Umuvunyi. Iyo Urwego rw'Umuvunyi rusanze uburyo urubanza rwaciwe nta karengane karimo, rubimenyesha uwatanze ikirego.

Iyo Urwego rw'Umuvunyi rusanze uburyo urubanza rwaciwe birimo akarengane rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urubanza rwakongera kuburanishwa. Rumushyikiriza raporo ikubiyemo imiterere y'icyo kibazo n'ibimenyetso bigaragaza ako karengane. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga afata icyemezo ashingiye kuri raporo ikorwa n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko.

Ingingo ya 80 y'iryo tegeko ikomeza isobanura ko iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asuzumye raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko akemeza ko urubanza rwongera kuburanishwa, yohereza dosiye Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo ayandike mu bitabo byabugenewe, akanagena kandi n'itariki y'iburanisha n'inteko y'abacamanza bazaruburanisha. Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asanze urubanza rutazongera kuburanishwa abimenyesha Urwego rw'Umuvunyi.

Inteko iburanisha bene izo manza iba igizwe nibura n'abacamanza batatu (3) ndetse iyo urubanza rusabirwa gusubirwamo rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, inteko iburanisha igomba kuba igizwe nibura n'abacamanza batanu (5) batarimo abari baruciye .

Iyi nzira ikoreshwa mu gusuzuma ubusabe bw'umuturage ugaragaza akarengane mu rubanza ituma habaho gushishoza guhagije kugirango Urukiko rw'Ikirenga rufate umwanzuro wo gusubiramo urubanza rurimo akarengane koko.

## 6. Umusaruro



Ubu buryo bwo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, bugaragaza umusaruro ushimishije mu bijyanye no kurenganura abantu.

Urugero:

- Hari nk'ahagaragaye ko umucamanza yahanishije umuntu igihano kitemewe n'amategeko ;
- Hari aho umucamaza yaciye urubanza ku kintu cyaciweho urundi rubanza rwabaye itegeko;
- Hari aho urubanza rwaciwe ruha umuntu inzu iri ku butaka, kandi ubutaka rubuha undi muburanyi, nyamara nta watungira inzu ku butaka bw'undi.

Ubu buryo bwo gusubirishamo imanza zigaragaramo akarengane n'ubwo ari inzira ndende ni uburyo butanga igisubizo kirambye kuko iyo hagaragaye akarengane Urukiko rw'Ikirenga ruragakosora kandi rugatanga icyerekezo mu gukemura ibibazo bisa n'ibyari byateje ako karengane.

Ubu buryo butuma kandi abacamanza bigengesera, bakitwararika guca imanza zizira amakemwa kandi bakanigira ku byemezo by'urukiko rw'Ikirenga mu gutunganya neza inshingano zabo.Ubu buryo bushimangira imikoranire myiza n'ubwuzuzanye by'inzego cyane cyane Urukiko rw'Ikirenga n'Urwego rw'Umuvunyi mu gutanga ubutabera.

IKIBAZO HAGATI YA W na M

## 7. Umwanzuro

Nk'uko bimaze gusobanurwa uburyo bwo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane imanza zaciwe ku rwego rwa nyuma, ni igisubizo ku karengane kagaragara mu manza zamaze kuba itegeko ariko zigaragaramo akarengane.

Mu gukoresha ububasha bwahawe Urukiko rw'Ikirenga n'Urwego rw'Umuvunyi ku bijyanye no gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane, izi nzego zombi ziruzuzanya ku buryo nta rwego rubangamira urundi cyangwa ngo rwinjire mu nshingano z'urundi, cyane ko Ubutegetsi bw'Ubucamanza ari Urwego rwigenga. Urwego rw'Umuvunyi ntirutegeka ngo urubanza rusubirwemo ahubwo rurabisaba. Ubusabe bushobora kwemerwa cyangwa ntibwemerwe nk'uko twabibonye haruguru. Urwego rw'Umuvunyi ni umuyoboro abaturage banyuzamo ibibazo byabo kuko Urukiko rutiregera nk'uko amategeko abiteganya kandi bikaba bitakorwa n'umuturage kuko inzira z'ubujurire ziba zararangiye.

Nk'uko byasobanuwe mu ntangiro, ubwuzuzanye hagati y'Urukiko rw'Ikirenga n'Urwego rw'Umuvunyi bukorwa mu nyungu z'ubutabera mu rwego rwo gushaka ibisubizo ku karengane kaba kagaragajwe n'abaturage.

URWEGO RW'UMUVUNYI
OFFICE OF THE OMBUDSMAN

# RUSWA NI UMWANZI W'AMAJYAMBERE TWESE DUHAGURUKE TUYIRWANYE

# JOIN US IN THE FIGHT AGAINST CORRUPTION



## I. Imiterere y'ikibazo

1. W yatanze ikirego cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe mu Rukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge. Mu kirego cye yashinganishaga umutungo w'umuryango ahuriyeho n'umugabo we M mu gihe imanza RC 0250/09/TB/NYGE na RC 0535/TB/NYGE zitaracibwa burundu.

2. Mu rubanza RC 0496/12/TB/NYG Urukiko rw'Ibanze rwategetse ko imitungo igizwe n'ibibanza no. 5686 na no. 5685 biri Nyabugogo mu Murenge wa Muhima, n'amazu abyubatsemo, ikibanza no. 720 n'inzu zicyubatsemo, biri mu Kagari ka Kiyovu mu Murenge wa Nyarugenge, ikibanza no. 4593 n'inyubako zikirimo, biri mu Karere ka Kicukiro, bishinganishijwe ku buryo bidashobora kugurishwa cyangwa ngo bitangweho ingwate W na M batabanje kubyumvikanaho.

3. Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge rwategetse kandi ko Frw 15,164,000 akomoka ku bukode bw'amazu, Frw 583,813,920 akomoka ku rubanza M yatsinzemo KOBIL ashinganishijwe, agashyirwa kuri konti W na M bahuriyeho, bagomba gufunguza mu gihe kitarenze iminsi itanu, bitakubahirizwa agashyirwa kuri konti 011-2001118 ya W iri muri FINA BANK na we atemerewe kubikuzaho atabiherewe uburenganzira n'umugabo we ariko bakaba bemerewe kubanza gukuraho ayo bakenera mu buzima bwabo bwa buri munsi.

4. Ku itariki ya 22/10/2012, bisabwe na W, ubwanditsi bw'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, bwamwandikiye icyemezo cy'uko urubanza RC 0496/12/TB/NYG, rwaciwe ku itariki ya 17/10/2012 rutigeze rujuririrwa.

5. Ku itariki ya 31/10/2012 nk'uko bigaragara ku nyandiko itanga ikirego (EFS Case #870443), M yajuririye urubanza RC 0496/12/TB/NYGE rwaciwe tariki ya 17/10/2012. Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwakiriye icyo kirego cyandikwa kuri nomero RCA 0235/12/TGI/NYGE. Urukiko rwemeje ko imikirize y'urubanza RC 0496//TB/NYG ihindutse kuri bimwe, maze Umucamanza akuraho icyemezo cyari cyafashwe n'Urukiko rw'Ibanze ahavugwaga ko Frw 15,164,000 y'ubukode ndetse na Frw 585,813,920 M yatsindiye KOBIL PETROLEUM ashinganishijwe.

6. Umuhesha w'Inkiko utari uw'umwuga, yarangije urubanza RCA 0235/12/TGI/NYGE. Nyuma y'irangiza ry'urubanza M yatanze ikirego RC 0427/13/TGI/NYGE, gishingiye ku irangizarubanza ryakozwe nabi. Mu kirego cye, M yasobanuye ko Umuhesha w'Inkiko yarangije urubanza nabi ngo kuko atitaye ku bikubiye mu rubanza yarangije, ategeka ko amafaranga y'ubukode ndetse n'ayo M yatsindiye KOBIL PETROLEUM yayashinganishije

ngo kandi urwo rubanza rwarategetse ko icyo cyemezo gikuweho.

7. Nyuma yo gusuzuma imiburanire ndetse n'imanza zarangijwe, Urukiko Rwisumbuye rwemeje ko Umuhesha w'Inkiko yazirangije nk'uko zaciwe, agendeye kuri "dispositif" zazo.

8. Ku itariki ya 18/07/2013 M yatanze ikirego RCA 0195/13/NYGE mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, asaba gusobanuza urubanza RCA 0235/12/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 17/12/2012. Mu bisobanuro by'ikirego cye, yagaragaje ko yifuza ko Umucamanza yasobanura ibirebana n'ibikubiye mu gika cya 14 cy'urwo rubanza kandi bikanashyirwa muri "dispositif" y'urubanza.

9. Nyuma yo kumva ibisobanuro byatanzwe na M, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwemeje ko ibikubiye mu gika cya 14 cy'urwo rubanza bikwiye kumvikana ko Urukiko rwavuze ko amafaranga ava mu bukode bw'amazu ya M na W atagomba gushinganishwa, bigahindura ibyo Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge rwari rwategetse mu rubanza RC 0496/12/TB/NYG, igika cya 20, ari nayo mpamvu havuzwe ko ruhindutse kuri bimwe.

10. Ku wa 29/07/2013, W yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza RCA 0235/12/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 17/12/2012 rwasobanuwe n'urubanza RCA 0195/13/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 24/07/2013, rwasabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

## *II. Isesengura ry'ikibazo*

Ikibazo cy'amategeko gisesengurwa ni ukumenya niba ubujurire ku nyandiko nsobanurakirego yatanzwe n'umuburanyi umwe mu rubanza RC 0496/12/TB/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge kuwa 17/10/2010, bwarubahirije ibihe biteganywa n'amategeko.

11.Urubanza RC 0496/12/TB/NYGE rwaburanishijwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge, rucibwa ku itariki ya 17/10/2012. Uru rubanza rukaba rwarakomokaga ku kirego cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, cyatanzwe na W.

12.Ku itariki ya 31/10/2012 M yatanze ikirego cyo kujuririra urubanza RC0496/12/TB/NYGE Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ruracyakira, ubujurire buhabwa RCA 0235/12/TGI/NYGE, rurakiburanisha rufata umwanzuro wo guhindura bimwe mu byari byategetswe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge. 13.Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano,

iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi mu ngingo yaryo ya 329, iteganya ko kujuririra icyemezo cy'umucamanza cyafashwe ku nyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, bikorwa mu gihe cy'iminsi itanu (5), uhereye igihe ababuranyi bamenyesherejweho icyo cyemezo kandi bikajuririrwa inshuro imwe gusa.

14.Nk'uko bigaragara muri matolewa, urubanza RC 0496/12/TB/NYGE ku kirego cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge, ku itariki ya 17/10/2012. Ibi bivuze ko umuburanyi utaranyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'urukiko, atagombaga kurenza iminsi itanu (5) iteganyijwe, ni ukuvuga ko umunsi wa nyuma wagombaga kuba ari ku itariki ya 24/10/2012 hagendewe ku buryo bw'ibara ry'ibihe byagenwe mu minsi, buteganywa n'ingingo ya 369 n'iya 370 z'itegeko ryavuzwe haruguru.

15.Ingingo ya 142, igika cya 2 y'Itegeko ryavuzwe haruguru, iteganya ko urukiko, rubyibwirije, rubyutsa inzitizi yo kutakira urubanza ku mpamvu ndemyagihugu. Zimwe muri izo mpamvu, harimo no kurenza igihe cyo kujurira. Kuba urukiko rwarabirenzeho, rukakira ubujurire bw'urubanza rwarengeje igihe cyo kujuririrwa, ni ukwirengagiza ibiteganywa n'amategeko.

16.Nyuma yo kwakira no gufata icyemezo ku rubanza RCA 0235/12/TGI/NYGE bikozwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, icyo cyemezo cyashamikiweho n'izindi manza kandi zagize ingaruka ku mikirize y'urubanza RC 0496/12/TB/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Nyarugenge rwari rwarabaye itegeko. Ibi bikagaragazwa n'ikosozwa ry'urubanza RCA 0235/12/TGI/NYGE mu kirego RC 0195/13/NYGE cyatanzwe na M, aho rwatesheje agaciro ibikubiye mu rubanza rwabaye itegeko, maze rukemeza ko amafaranga y'ubukode n'ayo KOBIL PETROLEUM yagombaga kwishyura M atagomba gushinganishwa.

17.Hagendewe ku bimaze gusobanurwa, Urwego rw'Umuvunyi rusanga mu rubanza RCA 0235/12/TGI/NYGE rwasobanuwe n'urubanza RC 0195/13/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, harirengagijwe amategeko, urukiko rwakira ubujurire bw'urubanza rutagombaga kwakirwa.

III. Icyemezo cy'Urwego rw'Umuvunyi

18.Hashingiwe ku Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga mu ngingo yaryo ya 81, igika cya mbere, agace ka 2, iteganya ko Urwego rw'Umuvunyi rushobora gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusubirishamo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, mu gihe mu icibwa

ryarwo, hari amategeko yirengagijwe; 19.Urwego rw'Umuvunyi rusanga kuba Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwarakiriye ubujurire bw'urubanza rwarengeje ibihe by'ijurira, rugafata ibyemezo byagize ingaruka ku rubanza rwabaye itegeko, ari impamvu ituma urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.






# * Garagaza ruswa,
# * wubaka igihugu cyawe

**01** Wakohereza ubutumwa bwanditse bwa sms kuri 1990 (umurongo utishyurwa);

**02** Wakohereza ubutumwa bwanditse mu buryo bwa email kuri rwanyaruswa@ombudsman.gov.rw;

website

**03** Wakanda ahanditse GARAGAZA RUSWA unyuze kuri website www.ombudsman.gov.rw;

website

**04** Wakanda ahanditse Good Service Delivery System unyuze kuri website www.ombudsman.gov.rw;

**05** Wahamagara 199 (umurongo utishyurwa) cg ruswa ishingiye ku gitsina kuri 0788432516;

**06** Udusanduku tw'ibitekerezo twashyizweho n'Urwego rw'Umuvunyi (duherereye ku biro by'Uturere, ku bigo bya Leta na za Minisiteri, ibitaro, amasoko cyangwa ahahurira abantu benshi);

N

**07** Wagana Urwego rw'Umuvunyi aho rukorera ku Kimihurura, Akarere ka Gasabo,Kigali (KG 4AVE 02)



# IMIKORERE Y'AMATSINDA ASHINZWE KURWANYA RUSWA

Urwego rw'Umuvunyi rwashyizweho n'Itegeko Nshinga ryo muri 2003 nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu mu ngingo yaryo ya 182. Itegeko No 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi riteganya mu ngingo yaryo ya 4 inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi.

Izo nshingano ni nyinshi ariko icyo zose zihurizaho kandi zigamije ni ugukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo

Nk'uko biri mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi, hifashishijwe gushyiraho gahunda yo kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo hifashishijwe amashyirahamwe y'urubyiruko yo kurwanya ruswa;

Amashyirahamwe y'urubyiruko yo kurwanya ruswa akaba abarizwa mu Ntara zose ndetse n'Umujyi wa Kigali ubu akaba angana ni ijana na mirongo inani na biri ( 182).

Ayo mshyirahamwe y'urubyiruko afasha mu gusakaza ubutumwa bwo kurwanya ruswa aho aherereye yifashishije ibikorwa bitandukanye.

# Zimwe mu nshingano z'amashyirahamwe yo kurwanya ruswa ni aya akurikira:

- Gukora ingendoshuri;
- Gutegura amahugurwa ku byiciro bitandukanye by'abaturage bahererey aho batuye;
- Gutegura amarushanwa y'imikino itandukanye irimo ubutumwa bwa ruswa ihuza anti-amashyirahamwe y'urubyiruko yo kurwanya ruswa( Anti-corruption clubs);
- Gutegura icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa aho amashyirahamwe aherereye;
- Gukora ibiganiro mpaka ku butumwa bwo kurwanya ruswa;
- Gukorana na DACACI na SACACI ziherereye mu turere izo anti-corruption clubs zibarizwamo;
- Gutanga ubutumwa buvuga kuri ruswa mu gihe cy'umuganda ahahurirwa n'abaturage benshi.

Mu rwego rwo gukomeza kwongerera ubumenyi ayo mashyirahamwe y'urubyiruko yo kurwanya ruswa Urwego rw'umuvunyi rwatanze amahugurwa mu kwezi kwa gatatu/2017 akaba yarabereye mu Ntara zose ndetse n'umujyi wa Kigali akaba yaritabiriwe n'urubyiruko rwiga mu mashuri makuru ndetse n'ayisumbuye hiyongereyeho n'abayobozi bo mu nzego z'ibanze.

Muri ayo mahugurwa yatanzwe, hibanzwe cyane cyane mu kwigisha ku bubi bwa ruswa n'ingaruka zayo ni uko yakwirindwa ku nsanganyamatsiko yagiraga iti "Ese nk'urubyiruko nizihe ngamba zafatwa mu gutanga umusanzu mu kubaka igihuguwanyu mu kurwanya ruswa n'akarengane "

Mu nyigisho zatanzwe basobanukiwe ruswa icyo aricyo, ibyaha bifitanye isano na ruswa impamvu zitera ruswa ingaruka za ruswa n' ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa, banasobanuriwe kandi aho igihugu cyacu kigeze mu kurwanya ruswa aho babwiwe ko mu mwaka wa 2015 kuri Africa u Rwanda rwari kumwanya wa 04 n'amanota 54% aho igihugu cya 1 cyari Botswana n'amanota 63% naho mu mwaka wa 2016 u Rwanda rwaje ku mwanya wa 3 n'amanota 54% aho na none Botswana yabaye iya mbere n'amanota 60% Cape Verde iya 2 n'amanota 59% ibi bikaba byari ukugira ngo nkurubyiruko bamenye aho igihugu cyacu kigeze mu kurwanya ruswa nabo bafate iyambere mu kuyirwanya cyane cyane ko ari bo bafite umubare munini kandi akaba ari nabo Rwanda rwejo hazaza.

Mu mahugurwa kandi urwo rubyiruko rukaba rwaragiye rugaragaza ruswa

zishobora kuba zigaragara muri buri ntara bitewe n'imiturire yaho aho hahise hafatwa ingamba zo kuyirwanya, biciye mu mahugurwa yahawe abaturage batuye muri buri Ntara, mu rwego rwo kubigisha kububi bwa ruswa n'ingaruka zayo, cyane cyane ko usanga hari abaturage baba batazi neza ko ruswa nabo ubwabo yabagiraho ingaruka haba mu miryango yabo ndetse nabo ku giti cyabo muri rusange, ibi bikaba bigaragara ko ruswa idakwiye kurwanywa n'inzego za leta gusa cyangwa izigenga ko ahubwo dukwiye guhaguruka twese nk'abanyarwanda tugatahiriza umugozi umwe mu kurwanya ruswa dukomeza kwiyubakira igihugu kitarangwamo ruswa n'akarengane.

## Amwe mu mafoto agaragaza uko ibikorwa by'amashyirahamwe byagenze:



University of kigali aho bari bamaze gukurikirana amahugurwa bagejejweho n'ushinzwe amashyirahamwe y'urubyiruko ku rwego rw'Igihugu Mlle KAYUMBA Tharcille.



Intara y'iburengerazuba ahaberaga amahugurwa umunyeshuri arimo kubaza ibibazo kuri ruswa ishingiye ku gitsina.



Ifoto y'urwibutso kubanyeshuri bari mu Ntara y'Amajyepfo nyuma y'amahugurwa

Nyuma y'amahugurwa, amashyirahamwe yakoze igikorwa cyo kuremera umuturage wo mu Karere ka Kicukiro,Umurenge wa Masaka , Akagari ka Rusheshe mu mudugudu wa Rweru bakaba baramuhaye inka, icyo gikorwa kikaba cyaritabiriwe n'abaturage baho, umushyitsi mukuru akaba yari Umuvunyi wungirije w'ishami rishinzwe gukumira ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo hamwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro ushinzwe ubukungu aho basobanuriye urubyiruko ko rugomba gufatanya n'abaturage kurwanya ruswa n'akarengane.



Umuvunyi wungirije ashyikiriza inkuyo umuturage wahawe inka



Inka yatanzwe n'amashyirahamwe y'urubyiruko yo kurwanya ruswa yahawe umuturage wo mu Karere ka Kicukiro



UMUVUNYI WUNGIRIJE USHINZWE GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA HAMWE N'UMUYOBOZI W'AKARERE KA KICUKIRO USHINZWE UBUKUNGU BARI KUMWE N'ABATURAGE BITABIRIYE IGIKORWA CYO KUREMERA UMUTURAGE WO MU KARERE KA KICUKIRO

Mu rwego rwo gukomeza imikoranire myiza hagati y'amashyirahamwe y'urubyiruko n'Urwego rw'umuvunyi ni byiza ko urwo rubyiruko rukomeza gushishikarizwa ububi bwa ruswa nuko yirindwa n'ingamba zafatwa mu kuyikumira cyane cyane hakorwa amahugurwa mu ngeri zose zitandukanye

Ikindi kandi gisabwa k'urubyiruko ni uko bashishikariza abaturage baho batuye kurushaho gutanga amakuru kuri ruswa bakanakangurira abaturage kumenya uburenganzira bwabo bahabwa n'amategeko kugira ngo dukomeze kugira igihugu cyiza kitarangwamo ruswa.

# RUSWA NI UMWANZI W'ITERAMBERE



# ICYUMWERU CYAHARIWE KURWANYA RUSWA MU MWAKA WA 2017

## IRIBURIRO

Buri mwaka Urwego rw'Umuvunyi rwifatanya n'amahanga kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa uba ku itariki ya 9 Ukuboza. Uwo munsi wemejwe n'Icyemezo n°58/4 cy'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye (ONU) yateranye kw'itarikiya 31 Ukwakira 2003 i Merida mu Gihugu cya Mexique.

Ni muri urwo rwego hashyizweho icyumweru ngarukamwaka cyahariwe kurwanya ruswa kiba mu kwezi k'Ukuboza kigasozwa kuri uwo Munsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa.

Muri uyu mwaka, icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa cyatangijwe ku wa 01/12/2017 gisozwa ku wa 09/12/2017.




# INSANGANYAMATSIKO

Mu mwaka wa 2017, iki cyumweru gifite insanganyamatsiko igira iti "Uruhare rwawe ni ingenzi mu kurandura ruswa".

**MU NOMERO ITAHA TUZABAGEZAHO UKO ICYUMWERU CYAHARIWE KURWANYA RUSWA CYAGENZE**


THERE IS
NO SPACE
FOR
CORRUPTION
IN RWANDA
CORRUPTION

# Nyakubahwa Perezida Paul Kagame yasabye urwego rw'ubucamanza kurwanya ruswa, babibasha akabagororera



Atangiza umwaka w'ubucamanza, Perezida Paul Kagame yasabye abacamanza, abashinjacyaha n'abandi bari mu rwego rw'ubucamanza kurwanya ruswa no kuba intangarugero muri uru rugamba, ndetse abizeza ko uko bazajya bagabanya ruswa ariko nawe azajya azamura inkunga Leta ibagenera.

Ijambo rya Perezida Paul Kagame ryibanze cyane ku ukurwanya ruswa ndetse n'ingaruka za ruswa ku rwego rw'ubutabera, yagize ati:"bukwiye kugaragarira buri wese ko butabogamye, kandi ko nta ruswa n'indi mikorere mibi iburangwamo".

Yakomoje ku nkunga bamusabye, abemerera ko ikwiye gutangwa, ariko abasaba ko mbere yo kuyibaha bagomba kubanza kugirana amasezerano.

yagize ati: "Uko muzajya mugabanya gufata iriya nkunga idakwiye (ruswa), niko nzajya nzamura ikwiye. I think that's a fair deal".

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame yavuze ko mu gihe ruswa igabanutse igihugu cyunguka kandi amikoro yacyo akazamuka, kandi ngo igihe amikoro yacyo azamutse nta mpamvu n'umugabane ujya mubakora mu butabera utazamuka.



BYAKUSANYIJWE NA KANYENGABO ATHANASE

Yijeje urwego rw'ubutabera ubufatanye mu kurwanya ruswa kugira ngo igende igabanuka ndetse izagere n'aho itsindwa burundu.

Yagize ati "Haracyari abakozi muri izi nzego bagikurikirana inyungu zabo bwite, ndetse n'abagana inkiko barabivuga ku mugaragaro murabizi".

Perezida wa Repubulika yavuze ko nubwo ikibazo cya ruswa kitari mu nkiko gusa no mu zindi nzego irimo, ngo mu nkiko niho hakabaye ikitegererezo kuruta ahandi.

Umukuru w'igihugu yavuze ko kubera ruswa mu bucamanza, hari abantu bigamba ko badakeneye ababunganira mu rubanza kuko baba bizeye ko bafite umucamanza uzabakorera ibyo bifuza. Ibi uretse kwanduza isura y'imikorere y'ubucamanza, ngo binatuma abaturage batera urwego ikizere.

Perezida Kagame kandi yasabye abacamanza kwirinda guca imanza nabi, kuzitinza cyangwa kuzisubika hatagaragajwe impamvu.

Maze agira ati "Abaturage bose icyo bakeneye ni ubutabera butangwa nta kiguzi, ku gihe, butabogamye, nta kuvangura,...n'ahandi hose niko tubyifuza".

Umukuru w'igihugu kandi yemereye urwego rw'ubucamanza kurufasha mu gukemura ibibazo binyuranye birimo iby'ikoranabuhanga n'ibindi bagaragaje.

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | RPA 00043/2016/HC/NYZ/ RPA 00065/2016/HC/NYZ | TUYISINGIZE Jean Damascene, mwene Rutayisire na Nyiramana utuye Nyarucyamo I- Gahogo- Nyamabuye- Muhanga- Amajyepfo | Gabo | Umushoferi | HC Nyanza | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy' imyaka 2 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 6.000 |
| | RPA 00078/2016/HC/NYZ | MUTABAZI Jean Damascene, mwene Byakweli na Mukabideli, utuye Gaseke- Gaseke- Nyange- Ngororero- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | HC Nyanza | Gutanga ruswa y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy' imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| | RPA 00018/2017/HC/NYZ | NDAYISENGA Joseph, mwene Kagarama Telesphore na Mukakarisa Fortunata, utuye Nyamweru- Bibungo- Nyamiyaga- Kamonyi- Amajyepfo | Gabo | Umukanishi | HC Nyanza | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'igice n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| | RPA 00053/2017/HC/NYZ | NSABIMANA Theoneste, mwene Bavakure Ildephonse na Mukahigiro Leoncie, ubarizwa Nyamugeyo- Kavumu- Ngororero- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | HC Nyanza | Gutanga ruswa y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| | RS/REV/RP 00001/2017/HC/NYZ | MUNYANGABE Chrisostome, mwene Nyamuburwa Mathias na Nyirakideneri, utuye Amahoro- Karenge- Kibungo- Ngoma- Iburasirazuba | Gabo | Umucuruzi | HC Nyanza | Gutanga ruswa y'amafaranga 381.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 1.000.000 |
| | RPA00745/16/HC/KIG | NTAGUNGIRA Gilbert, mwene Katishunga Thacien na Tibangwa Spéciose, wavutse mu 1984, utuye Bugwe- Gitega- Rushaki- Gicumbi- Amajyaruguru | Gabo | Umuhinzi | HC Kigali | Gutanga ruswa y'amafaranga 1.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| | RPA00748/16/HC/KIG | UWAMUNGU Jean Marie Vianney, mwene Bicenkomo Augustin na Habarurema Annonciate, wavutse mu 1969, utuye Inyamibwa- Bibare- Kimironko- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Avoka | HC Kigali | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy' imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| | RPA0872/16/HC/KIG | NIYITEGEKA Marcel, mwene Ntibazigira Augustin na Mukantagozera Xaverine, wavutse mu 1982, avukira Bwiza- Rwampara- Kicukiro- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 4.000 |
| | RPA 00738-00753/2016/HC/KIG | MURWANASHYAKA Samuel, mwene Muhire Jean na Mukarwema, wavutse mu 1992, utuye Nyakabanda- Niboyi- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Abakarani mu ruganda NOVIVA | HC Kigali | Gutanga ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |
| | | NTAKIRUTIMANA Innocent, mwene Ndayishimye Meddy na Mujawankusi Asterie, wavutse mu 1958, utuye Karumuna- Karumuna-Gatsata- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | | HC Kigali | Gutanga ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy' imyaka 2 |
| | RPA 00008/2017/HC/KIG | NIYOMWUNGERI Theogene, mwene Kazenga Boniface na Mukabagorora, wavutse mu 1982, avukira Ruyumba- Ruyenzi- Runda- Kamonyi- Amajyepfo | Gabo | Umumotari | HC Kigali | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| | RPA 00926/2016/HC/KIG | KARUGAZI Athanase, mwene Gato Damien na Mukagatare Athanasie, wavutse mu 1983, abarizwa Amajyambere- Musezero- Gisozi- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa RRA | HC Kigali | Kwaka no kwakira ruswa y'amafaranga 200.000 | Igifungo cy' imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 300.000 |
| | RPA 00843/2016/HC/KIG | MARENGA Abdoul Karim, mwene Marenga Thomas na Kayitesi, wavutse mu 1988, utuye Cyinyange- Imena-Kimisagara- Nyarugenge-Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukanishi | HC Kigali | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | RPA00951/16/HC/KIG | SEBAHIRE Samuel, mwene Munyakazi Francois na Mukahigiro Daphrose, wavutse mu 1974, i Nyarwimo- Gashirira- Ruvune- Gicumbi- Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| | RPA0237/16/HC/RWG | SHEMA Jean de Dieu, mwene Rukerin- tabaza Francois Xavier na Mukarujeje Thacienne, wavutse mu 1981, utuye Rwabuye- Gatobotobo- Mbazi- Huye- Amajyepfo | Gabo | Umwarimu mu ishuri Rikuru rya Kibungo (UNIK) | HC Rwamagana | Kwaka no kwakira ruswa y'amafaranga 400.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 2.400.000 |
| | RPA0335/16/HC/RWG | UWINEZA Julienne, mwene Nyakayiro Cyprien na Mukamusoni Florence, wavutse mu wa 1991, utuye Kibuga- Mbugangari- Gisenyi- Rubavu- Ibu- rengerazuba | Gore | Umunyeshuri ishuri Rikuru rya Kibungo (UNIK) | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 400.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 500.000 |
| | RPA0255/16/HC/RWG | KAMUTERA Joseph, mwene Bahintyoza Felicien na Mukamusoni Yohani, wavutse mu 1988, utuye Nkoma II - Nyamirama- Karangazi- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 60.000 |
| | RPA 0311/16/HC/RWG | BAHUFITE Sibomana, mwene Karegeya na Mukakirangwa, wavutse mu 1990, utuye Barija- Barija- Nyagatare- Nya- gatare- Iburasirazuba | Gabo | Umumotari | HC Rusizi | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| | RPA 00026/2016/HC/RSZ | NSABIMANA Evariste, mwene Nzakiz- wanimana Joseph na Bambanze Marie, utuye Karambi-Gisiza- Musasa- Rutsiro- Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | HC Rusizi | Gutanga ruswa y'amafaranga 202.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 404.000 |
| | RPA 00055/2016/HC/RSZ | NYIRISHEMA Emmanuel, mwene Nzamwita na Nyirakaza, utuye Kajumiro- Kagarama- Kanjongo- Nyamasheke- Ibu- rengerazuba | Gabo | Umushoferi | HC Rusizi | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy' imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 6.000 |
| | RPA 00023/2016/HC/RSZ | NDAGIJIMANA Jean de Dieu, mwene Nsengumuremyi na Nyirahategekimana, utuye Gihusi- Karangiro- Nyakarenzo- Rusizi- Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | HC Rusizi | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy' imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 6.000 |
| | RP 00047/2017/TGI/RSZ | RAMAZANI Issa, mwene Kigwasa na Turiza, wavutse mu 1984, Avukira Sange- Uvilla- Sud Kivu RDC, utuye ahitwa Buterere–Bujumbura- Burundi | Gabo | Umushoferi | HC Rusizi | Gutanga ruswa y'amadolari 10 | Igifungo cy'imyaka 4 |
| | RP/EC 00001/2017/TGI/RBV | HAKIZIMANA Erneste, mwene Zibany- inshi na Uwimana, utuye Nyamitanzi- Jomba- Nyabihu- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 70.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'amezi 6 |
| | RP/EC 00001/2017/TGI/RBV | NTEZIYAREMYE Theoneste, mwene Mbaraga na Sahunkuye, utuye Nyami- tanzi- Jomba- Nyabihu- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 70.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'amezi 6 |
| | RP/ECON 00006/2017/TGI/RBV | MUKUNZI Viateur, mwene Habyaraba- tuma Leonard na Baragahoranye, utuye Rukotati- Rushubi- Rugerero – Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Rubavu | Kwaka ruswa y'amafaranga 60.000 | Igifungo cy'imyaka 6 |
| | RP 00007/2017/TGI/RBV | KAYIRANGA Gad, mwene Semahoro na Nyirabakure, utuye Kiyovu- Kanyefurwe- Nyakiliba- Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 5 |
| | RP 00070/2016/TGI/RBV | TUGIRUMUKIZA Pierre, mwene Beruye Mathias na Barawigirira, atuye Rukotati- Ngoma- Kabaya- Ngororero- Iburengerazuba | Gabo | Inyangamugayo za Gacaca | TGI Rubavu | Kwaka ruswa y'amafaranga 200.000 | Igifungo cy'imyaka 5 |
| | RP 00070/2016/TGI/RBV | NZABONIMPA Jean Dieu, mwene Faranga na Ayinkamiye, atuye Ruko- tati- Ngoma- Kabaya- Ngororero- Ibu- rengerazuba | Gabo | Inyangamugayo za Gacaca | TGI Rubavu | Kwaka ruswa y'amafaranga 200.000 | Igifungo cy'imyaka 5 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | RP 00019/2016/TGI/RBV | NZEYIMANA Jean Claude, mwene Ndoramaherezo na Nyiraburemera, atuye Kanombe- Micinyiro- Mudende- Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| | RP A 00053/2016/TGI/HYE | HAKIZIMANA JMV, mwene Sikubwabo na Bazubagira, atuye Kanombe- Nyarusozi- Nyabinoni- Muhanga- Amajyepfo | Gabo | Umuyobozi wa High Security | TGI Rubavu | Kwaka no kwakira ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy' cy'imyaka 3 imyaka 2 isubitswe n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| | RP 00061/2016/TGI/HYE | NSABIMANA Théoneste, mwene Bavakure Ildephonse na Mukahigiro, atuye Kabere- Nyamugeyo- Kavumu- Ngororero- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Huye | Gutanga ruswa y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| | RP 00028/2016/TGI/KNG | UBAYEHO Nelson, mwene Ndaziramiye Ruben na Kamberuka Yuliya, atuye Uwabashi- Kinyonzwe- Mutuntu- Karongi- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Karongi | Gutanga ruswa y'amafaranga 100.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 600.000 |
| | RP 00041/2016/TGI/KNG | NTAKIYIMANA Jean Bosco, mwene Ndekezi Paul na Mukandoli Anastasie, atuye Gatomvu- Murambi- Gihango- Rutsiro- Iburengerazuba | Gabo | Umumotari | TGI Karongi | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| | RPA 0467/2016/TGI/KNG | MUNYANEZA Dominique, mwene Bashukane na Nyiramwiza Thacienne, atuye Bungo- Mubuga- Gihombo- Nyamasheke- Iburengerazuba | Gabo | Umukuru w'Umudugudu | TGI Karongi | Kwaka no kwakira ruswa y'amafaranga 15.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 60.000 |
| | RP/ECON 00015/2016/TGI/NYGE | NTAGOYA Thomas, mwene Sentabyo na Rukundo, yavutse mu 1958, atuye Rusisiro- Rugarama- Nyamirambo- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umshoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| | RP00085/2017/TGI/NYGE | NTEGEYIMANA Faustin, mwene Ndereyimana na Muhawenimana, wavutse mu 1991, atuye Mpanga- Runzenze- Mageregere- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | |
| | RP 00137/2016/TGI/NYGE | NIYIGABA Jean Baptiste alias Gasongo, mwene Rwigamba Innocent na Nyirampabuka Bernadette, wavutse mu 1984, avukira Kivumu- Nyanza- Busasamana- Nyanza- Amajyepfo, atuye Gaseke- Kimisagara- Kimisagara- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umucuruzi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 4.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 12.000 |
| | RP 01041/2016/TGI/NYGE | MAHORO Désiré, mwene Kozivuze Déo na Nyirabashumba Gaudence, wavutse mu 1982, atuye Ntaraga- Kamuhoza- Kimisagara- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'umunsi 1 n'ihazabu y'amafaranga 6.000 |
| | RP00940/2016/TGI/NYGE | NTAKIRUTIMANA David, mwene Ngabonziza Celestin na Kangwije Christine wavutse mu 1989, avukira Nyabirondo- Muganza- Muganza- Nyaruguru- Amajyepfo, abarizwa Nyagacaca- Ruyenzi- Runda- Kamonyi- Amajyepfo | Gabo | Umumotari | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 40.000 | Igifungo cy'umwaka 1 harimo gufungwa amezi 3 |
| | RP 00034/2017/TGI/NYGE | BAGIRUBWIRA Sylvestre, mwene Uwimana na Mugorewindinda, atuye Nyabisindu, akagari ka Nyabisindu- Remera- Gasabo- umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 5 gisubitswe mu gihe cy'imyaka 5 |
| | RP 00734/16/TGI/NYGE | RUTAREMARA Emmanuel, mwene Ruzindana Aloys na Uzamukunda Violette, yavutse mu 1985, atuye Matwari- Masoro- Ndera- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umugenzacyaha | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 100.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 500.000 |
| | RP00156/2017/2016/TGI/NYGE | NSENGAMUNGU Joseph, mwene Kibirigi na Kanakuze, wavutse mu 1987, avukira Gikamba- Nyanza- Gako- Gakenke- Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 26.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 130.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | RP00188/2017/TGI/NYGE | NDAHAYO Wellars, mwene Abiyingoma na Mukandekezi, wavutse mu 1980, avukira Ruhinga- Ngara- Bumbogo- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 15.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 75.000 |
| | RP 00939/2016/TGI/NYGE | RUBIBI Jonas, mwene Mbirikanyi na Mukamana, utuye Mucoma- Masaka- Kicukiro- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| | RP 00035/2017/ TGI/NYBE | NSABIMANA Elisee, mwene Nzabahimana Francois na Nizeyirema, wavutse mu 1981, atuye Muriro- Remera- Gasaka- Nyamagabe- Amajyepfo | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyamagabe | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 14.000 |
| | RP00036/2017/ TGI/NYBE | MUHAWENIMANA Gratien, mwene Semajangwe Callixte na Nyirakomeza Emeliyana, wavutse mu 1980, atuye Subukiniro- Rugogwe- Uwinkingi- Nyamagabe- Amajyepfo | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyamagabe | Gutanga ruswa y'amafaranga 1.500 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| | RPA 000355/16/TGI/NYG | KAGIZI KABERA Cosia, mwene Kabera Alfred na Mukandutiye Joyce, wavutse mu 1980, atuye Matimba IV- Matimba-Matimba- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umuyobozi w'abakozi mu Karere ka Nyagatare | TGI Nyagatare | Kwaka no kwakira ruswa y'amafaranga 300.000 | Igifungo cy'imyaka 4 |
| | RPA 000377/16/TGI/NYG | VITA Emmanuel, mwene Karinganire na Mukagasana Judith, wavutse mu 1981, atuye Kinihira- Nyagatare- Nyagatare-Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umugenzuzi w'umurimo mu Karere ka Nyagatare | TGI Nyagatare | Kwaka no kwakira ruswa y'amafaranga 300.000 | Igifungo cy'imyaka 4 |
| | RP 00011/2016/TGI/NYG | BIZIMANA Jean Paul, mwene Sentashya na Ntabanganyimana, wavutse mu 1992, atuye Ruyonza- Kigasha- Ngarama-Gatsibo- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 150.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 150.000 |
| | RP 00001/2017/TGI/NYG | HARERIMANA Faustin, mwene Muhawenimana naMukagakwisi, wavutse mu 1996, atuye mu Gakirage- Gakirage-Nyagatare- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| | RP 00069/2017/TGI/NYG | MBONIGABA Aloys, mwene Higiro Pierre Claver na Mukakidende Victoria, wavutse mu 1980, avukira Agasharu- Gakorombe- Muhura- Gatsibo- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 100.000 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| | RP 00090/2017/TGI/NYG | TUYISENGE Jean Claude, mwene Bakorakoshya Jean Baptiste na Bugenimana Marine, wavutse mu 1991, avukiraMusanze- Amajyaruguru, atuye Rugarama- Musenyi- Karangazi- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umutetsi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 60.000 |
| | RP 00059/2017/TGI/NYG | NDIKUMANA Philippe, mwene Habyarimana Celestin na Mukantabana Joy, wavutse mu 1987, atuye Miramaya II-Nyagatare- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 147.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 294.000 |
| | RP 00083/2017/TGI/NYG | NZIRORERA Isaac, mwene Rutaneshwa Abdara na Mukagasana, wavutse mu 1982, atuye Rwempasha- Kawangire-Rukara- Kayonza- Iburasirazuba. | Gabo | Umushoferi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| | RP 00051/2017/TGI/NYG | MBARUSHIMANA Pascal, mwene Rubyogo André na Mukamuvunyi Veneranda, wavutse mu 1985, atuye kandi ubarizwa Mbare- Mbare Karangazi-Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| | RP 00057/2017/TGI/NYG | ZARIBWENDE Musinga Emmanuel, mwene Gabarunda na Barwabiza, wavutse mu 1986, atuye Matumba- Nyangara-Gatunda- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 12.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| | RP 00072/2016/TGI/NYG | RUCAMUBICIKA John, mwene Rukemanganizi Didas na Mukagasana Domina, wavutse mu 1994, avukira Gasasa- Bayigaburire-Katabagemu-Nyagatare-Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 200.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 400.000 |

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | RP0397/16/TGI/NGOMA | GASASIRA Emmanuel, mwene Rwabukwisi na Nirere, wavutse mu 1971, atuye Urusagara- Rwankumba- Bisesero- Karongi- Iburengerazuba | Gabo | Umupolisi | TGI Nyagatare | Kwakira ruswa y'amafaranga 40.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 240.000 |
| | RP0397/16/TGI/NGOMA | KAMANZI Nadine, mwene Nzaramba Simeon na Nyirantwari Cessile, wavutse mu 1986, atuye Kabuye- Nyamagana- Remera- Ngoma- Iburasirazuba | Gore | Umuhinzi | TGI Ngoma | Gutanga ruswa y'amafaranga 40.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 240.000 |
| | RP0097/16/TGI/NGOMA | GATEGA Sammuel, mwene Ngemba na Nizane, atuye Gikaya- a Nyamirama- Kayonza Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Ngoma | Gutanga ruswa y'amafaranga 40.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 75.000 |
| | RP 00042/2017/TGI/NGOMA | HAVUGIMANA Emmanuel, mwene Shyirakera na Nagasaro, atuye Kabuga- Kabuga- Musaza- Kirehe- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Ngoma | Gutanga ruswa y'amafaranga 70.000 | Igifungo cy'imyaka 6 |
| | RP 00216/2016/TGI/NGOMA | HAKIZIMANA Haly, mwene Ndekezi Joseph na Nyinawandinda Dyna, atuye Rurenge– Nyagasambu- Fumbwe- Rwamagana- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Ngoma | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| | RP00078/2017/TGI/NGOMA | NIYOMUGABO Jean Marie, mwene Habimana Theogene na Mukansanga Chantal, wavutse mu 1991, atuye Kiyovu-Karambi- Murundi-Kayonza- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Ngoma | Gutanga ruswa y'amafaranga 45.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 135.000 |
| | RP 0070/2017/ TGI/ NGOMA | MINANI Ezechiel, mwene Nkurikiyinka d'Amour na Mukankundiye Consilde, wavutse mu 1991, atuye Nyamirama- Kagasa -Nyamugali- Kirehe- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Ngoma | Gutanga ruswa y'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 150.000 |
| | RP 00610/2016/TGI/GSBO | TWAGIRIMANA Eric, mwene Bizimana na Kabasinga Juliana, wavutse mu 1994, atuye Gashinge- Butangampundu- Burega- Rulindo- Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | TGI Ngoma | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 6 |
| | RP 00671/2016/TGI/GSBO | HABYARIMANA Telesphore, ubarizwa Antene- Busanza- Kanombe- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Gasabo | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| | RP 00697/2016/TGI/GSBO | HABARUREMA Martin, atuye Agatare- Gasharu- Kinyinya- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Gasabo | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 |
| | RP 00050/2017/TGI/GSBO | NYANDWI Jean Marie Vianney, mwene Manirarora Deo na Zaninka Domina, atuye Gashikiri- Mara- Ruhashya- Huye- Amajyepfo | Gabo | Umucuruzi | TGI Gasabo | Gutanga ruswa y'amafaranga 80.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 160.000 |
| | RP 00080/2017/TGI/GSBO | MUNYAMPUNDU Cassien, mwene Munyantore na Mukabideri, atuye Kadobogo- Kagugu- Kinyinya- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Gasabo | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| | RP 00123/2017/TGI/GSBO | BIZIMUNGU Yussuf, mwene Ugirumurera na Nyirabakamisha, wavutse mu 1982, atuye Busasamana- Kamuhoza- Muhoza- Nyarugege- Umujyi wa Kigali. | Gabo | Umushoferi | TGI Gasabo | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'amezi 7 n'ihazabu y'amafaranga 8.000 |


**Abahamwe n'icyaha cya ruswa mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2016-2017 ni abantu 70.**

**Muri abo bahamwe n'icyaha, 67 bakaba ari igitsina gabo naho 2 ni igitsina gore.**

**Ibisobanuro:**

**TGI: Urukiko Rwisumbuye**

**HC: Urukiko Rukuru**


MWIRIWE, NDI UMUKOZI W'URWEGO RW'UMUVUNYI NARI NJE NGO TUREBE CYA KIBAZO CYO GUSUBIRISHAMO URUBANZA WATUGEJEJEHO. NIZERE KO WITEGUYE NEZA HA HA HA!
MWIRIWE NEZA, NI KARIBU RWOSE.
URWEGO RW' UM.
OK, NONE SE UFITE AMAFARANGA KURI M.MONEY, TIGO CASH CG AIRTEL MONEY NGO TWOHEREZE KU RWEGO RW' UMUVUNYI KUGIRA NGO BIKEMUKE VUBA?
HOSE NDAYAFITE NGWINO TWICARE UNSOBANURIRE NEZA MWANA WANJYE.
NI SAWA RWOSE NDABONA USOBANUTSE, UBU RERO UGIYE GUSEZERA KU KARENGANE HA HA!
MUKADORI WE, ZANA YA MADOSIYE AREBEMO HAYUMA ATUBWIRE.
YES YES OK. NAYAZANE.
MUKANDORI YINJIRA MU MURYANGO W'IMBERE ASOHOKERA INYUMA MU GIKARI.
TUROHEREZA IBIHUMBI IJANA GUSA UBUNDI...
IHUTE HARIYA KU MURENGE UBWIRE GITIFU KO HARI UMUKOZI W'URWEGO RW'UMUVUNYI USHAKA AMAFARANGA AZE AREBE.


NIMUVE MU NZIRA NDASHAKA KUVUGANA NA GITIFU KANDI BIRIHUTIRWA CYANE !!
!!
MWIRIWE MUYOBOZI, MU RUGO IWACU HARI UMUKOZI W'URWEGO RW'UMUVUNYI NONE ARI KWAKA PAPA AMAFARANGA NGO, NGO AYAMWOHEREREZE KURI TELEFONE.
NIBYO SE? NDAJE.
GITIFU AHITA AZA YIHUTA AZANA N'ABAPOLISI.
YEGO NDABIBONA
REKA NONEHO NGUHE NOMERO WOHEREZEHO ZA CASH, YES!
VVURRROAAM
SIMAMA PALE NTUVE AHO URI !!!
REKA DUHAMAGARE URWEGO RW'UMUVUNYI KURI 0785647391 KURI 0785647392 cg 199.
NGAHO JYA IMBERE SHA UJYE KUTWEREKA AHO UKORERA.

URWEGO RW'UMUVUNYI

OFFICE OF THE OMBUDSMAN

# RUSWA NI UMWANZI W'ITERAMBERE, TUYIRINDE



URWEGO RW'UMUVUNYI
OFFICE OF THE OMBUDSMAN

@rwandaombudsman

Office of the Ombudsman of Rwanda

Office of the Ombudsman of Rwanda

Office of the Ombudsman of Rwanda

199

1990 IYI TELEFONE YAKIRA UBUTUMWA GUSA!!